R.Ev./

18 décembre 1961

2459/Req.

Igisubizo

Kuli NZIRABATINYA Aloys
Commune MURAMBA
Préfecture RUHENGERI

Ibarwa wanyoherereje kwi tarki ya 10.12.1961 mw'izina ry'abandi basore barangije umwaka wa 5, inyereka ukuntu munyizeye. Bose uzabamenyeshe ko mbashimye. Aliko kandi Ministre wese afite umulimo we bwite.

Nicyo gituma ubwo mubaza iby'amashule, muba mwara gombye kwandikila Ministre RWASIBO J.B.utegeka iby'amashule. Urwandiko rwanyu rero niwe ndwohererej e.

Uravuga kandi ko abadafite m 1,66 babujijwe kujya mu bupolisi - ko nabadashyikiliye icyo gipimo, byaba byiza kwakila ababishatse mul'uwo mulimo. Nabyo bifite abagěwe kubibazwa, nka Ministre Mulindahabi Calliope w'iby'ubusilikali na Bwana Lambert w'iby'ubupolisi.Urababaze rero,nizeye ko bazagusubiza.

Nimugire amaholo.

Le Ministre,
L.MPAKANIYE.-